FDU-INKINGI
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

☐:(+250) 728636000 ☐ info@fdu-rwanda.com
☐: (+32)478973762 , (+33)650293997, (+44)7982381717
http://fdu-rwanda.com, http://victoire-ingabire.com
COMITE DIRECTEUR – STEERING COMMITTEE
"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances" ; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

ISHYAKA FDU-INKINGI RYIFULIJE ABANYARWANDA N'INSHUTI Z'U RWANDA UMWAKA MUSHYA MUHIRE WA 2017

Banyarwanda , Banyarwandakazi, nshuti z'u Rwanda

Kuri uyu munsi tariki ya 31 Ukuboza 2016, mw'izina ry'Ishyaka FDU-Inkingi n'iry'umuyobozi waryo Madamu Victoire Ingabire Umuhoza uhejejwe mu munyururu ku bw'akamama, no mw'izina ryanje bwite, ndagira ngo mbifurize Umwaka Mushya Muhire wa 2017. Muzawugiremo amahoro n'uburenganzira bwanyu bwose bw'ikiremwamuntu buzatuma mushobora kwinyagambura mugashobora gusubira i bumuntu.

Mu gihe turangiza uyu mwaka, ni ngombwa gusubiza amaso inyuma tukareba aho tuva n'aho tujya, ibyatubayeho uyu mwaka n'ibyo duteganya gukora umwaka utaha, kugira ngo u Rwanda rube igihugu cyubahiriza amategeko n'uburenganzira bw'ikiremwa-muntu, gitanga amahwemo mu baturage bacyo, ntihagire uvutswa utwe; igihugu kirangwa na demokarasi isesuye, ishingiye ku mashyaka menshi; igihugu kirangwa n'ubutabera bwigenga budakorerwamo n'abanyapolitiki cyangwa abayobora inzego za gisirikari n'iz'umutekano, abanyarwanda bakareshya imbere y'amategeko; igihugu kitagira ivangura iryo ari ryo ryose, igihugu cyumva kandi kikimakaza ugushyikirana n'ubwiyunge nyabwo bw'Abanyarwanda, igihugu gikangurira Abanyarwanda kubahana hagati yabo kandi bakubaha n'abandi, ntihagire ukandamizwa cyangwa ngo azire ubwoko bwe, akarere akomokamo cyangwa amateka ye.

Banyarwandabanyarwandakazi, Nshuti z'u Rwanda,

Imyaka irashize ari 6 umukuru w'ishyaka ryacu afungiwe akamama, azira ko yaje avuga ibitekerezo bijyanye n'amatwara n'ingamba ishyaka ayobora ryari ryamuhaye ari byo:

- amahoro ;
- kwishyira ukizana kwa buri munyarwanda;
- guha umunyarwanda uburenganzira busesuye bwo gutanga umuganda w'ibitekerezo byafasha u Rwanda gusugira rugasagamba rugatera imbere;
- kubahana hagati y'abanyarwanda, buri muntu akumva akababaro k'undi, buri wese agashobora kuririra uwe watwawe n'amahano yagwiriye u Rwanda, abantu bose bagashyingurwa mu cyubahiro nk'uko umuco nyarwanda ubidusaba, nta vangura iryo ariryo ryose;

- umuturage agahinga ibyamugirira akamaro kugira ngo isambu ye itunge kandi ikenure urugo rwe;
- buri munyarwanda akagira uruhare mu kwihitiramo abayobozi kandi agashobora guhatanira umwanya w'ubutegetsi abona ukwiranye n'ubushobozi bwe.

Mu gihe ubutegetsi bwa FPR bwirirwa bwirarira ko ari bwo bukunzwe n'abaturage ariko bugatinya ipiganwa n'amatora adafifitse; mu gihe busaba abanyarwanda bose kuva mu buhungiro bagatahuka, abashaka gufatanya kwubaka igihugu ntibakomeze gukorera politiki i Shyanga; abiyemeje kuza kugira uruhare rwa politiki bose batabikoreye mu kwaha kwa FPR, barazwa rwantambi ngo binjire ku ngufu mw'ishyaka rya FPR, bamwe bagakubitwa bagakorerwa iyicwarubozo, abandi bagafungwa cyangwa bagatorongezwa, abandi bakarigiswa cyangwa bakicwa, abandi bakimirwa kugera mu gihugu.

Igihe cy'Impinduramatwara kirageze.

Mu mpera z'umwaka wa 2015 abanyarwanda bahatiwe guhindura Itegekonshinga binyuze mu ikinamico ryakozwe na FPR kugira ngo ibone uko iguma ku butegesti, ibimburiwe imbere na Prezida Kagame. Iryo tegekonshinga n'andi ashamikiyeho barikoreye Perezida uriho, kugira ngo akomeze ategeke ubuziraherezo nk'aho ingoma ya cyami yongeye guhabwa intebe. Ntako amashyaka atavuga rumwe na FPR, cyane cyane afite abayoboke hanze, atagize kugira ngo agerageze kwerekana ko iyo nzira FPR yafashe ari ukuroha igihugu. Na bimwe mu bihugu by'inshuti byateye akamo ariko ubutegetsi buvunira ibiti mu matwi.

Abaturage baramburwa amasambu yabo hirya no hino mu gihugu nka za Rutsiro, akegurirwa abategetsi na bene wabo barimo kugarura ibikingi buhoro buhoro. Imyaka y'abaturage irarandurwa, umuntu ntaramirwe n'ibyo yahinze, bakamuhingisha ku itegeko icyo adashaka kandi yajya kugurisha ibyo asaruye aho FPR yategetse kugurisha, bakamuha igiciro cya ntica ntikize. Kubera izo mpamvu zose inzara abanyarwanda biyitiye "NZARAMBA" iragarika ingogo hirya no hino, nka za Bugesera, mu Mutara, mu majyaruguru y'uburengerazuba bw'igihugu n'ahandi, nyamara hahoze ari ibigega by'igihugu. Hari abayirokoka bakijijwe no gusabiriza, cyangwa guhakwa bityo bakayoborwa buhumyi. Abatabyemeye barakubitwa ku manwa y'ihangu abanyantegenke bikabaviramo kwitaba Imana. Iyo nzara yanabaye urwitwazo rw'urugomo, aho inzego zishinzwe umutekano zirasa amanywa y'ihangu abaturage bikitirirwa ko bafatanywe ibyo kurya bibye, nk'aho nta bucamanza bubaho bwabanza kubakatira igihano kibakwiye. Ubutegetsi bwarangiza ngo igihano cyo kwicwa cyavuyeho !

Mu gihe bavuga ngo ubuvuzi bwateye imbere, abaturage ntibabona uko bishyura Mitiweli kubera ubukene, n'ababishoboye ntibabona imiti bandikiwe. Abadashoboye kwishyura Mitiweli basigaye bakubitwa, dore ko hari n'abapfa bazize inkoni za ba Gitifu bashishikajwe no kwerekana ku bageze ku mihigo FPR yabategetse cyangwa biyemereye.

FPR yabeshye abanyarwanda ko abana bose bazigira ubuntu, ariko abenshi ntibashobora kujya ku ishuri kuko baba baburaye, abagiyeyo nabo ntibigishwa bihagije ku buryo buzabagirira akamaro kubera ko abarimu b'amashuri atari ayigirwamo n'abana b'abategetsi badahembwa imisharara ikwiranye n'imirimo bakora, ugasanga nabo ubwabo baba bahangayikishijwe n'amaramuko aho

kwibanda mu kwongerera abana ubumenyi. N'abihanganye bakigisha ntibabona imfashanyigisho zihabwa amashuri arimo abana b'abategetsi n'abanyamafaranga. Abarangije nabo ntibabona akazi gakwiranye n'impamyabumenyi bafite cyangwa bakakabura kubera ko impamyabumenyi ntaho ihuriye n'impamyabushobozi. Birababaje kubona umubare w'urubyiruko rufite izo mpamyabushobozi batagira akazi batanashobora no kujya kugashaka hanze y'igihugu, kubera ko impamyabushobozi zabo zidafite agaciro gahagije mu mahanga.

Abikorera ku giti cyabo baracuzwa udufaranga baba babonye biyushye akuya, ngo nibatange imisanzu ya FPR itagira uko ingano ihimbwa buri munsi. Abatayitanga ntibongera kubona amasoko ya Leta, n'ubwo nayo yabaye uruguma kubera kwihalirwa na sosiyete za FPR nka TRISTAR na CRYSTAL VENTURE.

Ubutegetsi bwa FPR bwirirwa bugura intwaro za rutura aho kugurira ibitaro n'amavuriro ibikoresho, aho gushakira abarimu agahimbazamusyi no gufasha amashuri n'abana batishoboye kugira ngo ubumenyi busakazwe hose. Biteye isoni kubona abanyeshuri bafungwa cyangwa bakagomba guhunga kubera ko basabye gusubizwa imfashanyo Leta yabageneraga (minerval). Nyamara ibyo bitwaro si ibyo kurinda ubusugire bw'igihugu ahubwo ni ibyo kwikora munda, gukumira, guhonyora no kurasa abanyarwanda. Inzego z'umutekano zabaye izo guhungabanya umutekano w'abaturage, zabaye iz'abari ku butegetsi, ntizikiri iz'Igihugu.

Ibibazo Urwanda rufite bikeneye ko abanyarwanda bicarana bakabiganiraho, bitari biriya bita "Umushyikirano" bimeze nko kwikirigita bagaseka. Uwo mushyikirano, ugizwe n'abantu ba FPR cyangwa abayishyigikiye, wabaye urubuga rwo kuza gukeza no kwamamaza umukuru w'igihugu abantu barushanwa kumurata ibigwi. Ntushobora kuganira n'abakwambaza ngo ukeke ko hari impaka nyazo zubaka (débats contradictoires) zishoboka.

FPR ntiteze guhindura kamere yayo. Ntacyo tutakoze kugira ngo abantu bicarane baganire n'abatavuga rumwe nabo, abayobozi ba FPR bakavunira ibiti mu matwi. Iki gihe cyose tumaze ntitwazuyaje kwereka ubutegetsi bwo mu Rwanda ko uburyo bwonyine bwo kwirinda indi ntambara ari ukubahiriza uburenganzira bw'abanyarwanda. Abanyarwanda nabo nibumve ko uburenganzira buharanirwa. Niba FPR ikomeje kugundira ubutegetsi no kubukoresha ikandamiza abadafite ibitekezo nkayo, igihe kirageze ko abo baturage bareka kuba ingaruzwamuheto, bagaharanira uburenganzira bwabo.

Ni yo mpamvu, hamwe n'andi mashyaka ari muri plateforme igizwe n'Abanyarwanda b'ingeri zose kandi b'amoko yose (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa) baturuka mu turere twose tw'u Rwanda, kandi baranzwe n'amateka atandukanye yacu nk'Abanyarwanda, twiyemeze gukora ibishoboka byose kugira ngo dufashe abanyarwanda gushyiraho itegekonshinga, inzego z'ubutegetsi n'iz'umutekano zumvikanweho ku buryo zirengera, zigatanga icyizere n'ihumure ku Munyarwanda wese, bityo bigaca burundu ikibazo cy'impunzi gikurura amakimbirane n'imitwe y'ingabo iharanira kuvanaho ku ngufu ubutegetsi bw'igitugu; kandi hagashyirwaho uburyo butuma buri rwego rw'ubutegetsi rwigenga ntiruvogerwe.

Amatora ateganijwe muri uyu mwaka wa 2017, nk'ishyaka ritavuga rumwe n'ubutegetsi, ntacyo tuyatezeho, kuko ari umurimbo. Amatora yararangiye igihe itegekonshinga ryavugururwaga rikimika prezida uriho. Uko iryo vugururwa ry'itegekonshinga ryakozwe mu kintu kimeze nk'ikinamico, ni nako iyo ngirwa matora izagenda. Nta matora ashoboka igihe uwiyamamaza ari nawe ushyiraho uburyo amatora agomba kugenda. Amatora nyayo yaba ari uko FPR ifashwe nk'andi mashyaka aharanira ubutegetsi, abashinzwe gutegura ayo matora kimwe n'inzego z'ubutegetsi n'umutekano bakaba ntaho babogamiye. Ubu si ko bimeze kandi ngirango nyir'amaso yerekwa bike ibindi akirebera.

Niba ubutegetsi budashyize mu gaciro ngo buhe urwinyagamburiro abanyarwanda mu kugena imitegekere n'abategetsi bibonamo, duhamagariye Abanyarwanda gukaza umurego kugira ngo tubone uko twigobotora iyo mitegekere idahwitse. Ni twebwe ntawundi uzabidukorera kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

Tubifurije Umwaka Mushya Muhire wa 2017, mukava i buzimu mukajya i buntu; uzababere uw'impinduka n'imigisha myinshi, uw'ubutabera, ubwiyunge no gusangira umutungo w'igihugu, uw'ubwiyunge n'abaturanyi, no guha icyizere abagiye guhezwa i mahanga.

Twese hamwe tuzatsinda.

Bikorewe i Buruseli mu Bubiligi, ku itariki ya 31 ukuboza 2016

Bukeye Joseph
Visi-perezida wa Kabiri w'ishyaka.
jbukeye11@yahoo.fr